## ITANGAZO RIGENEWE ABAKUNZI BA SIPORO MU RWANDA.

Muri iyi minsi ishize hakunze kuvugwa ruswa ndetse n'amarozi muri siporo, by'umwihariko mu mupira w'amaguru mu Rwanda.

Izindi nzego ziyobora siporo mu Rwanda, by'umwihariko Komite Olempiki, nk'urwego rushinzwe kwimakaza indangagaciro nziza mu mikino na siporo (Olympic values), zihangayikishijwe cyane n'iyo migenzo kuko ihesha isura mbi siporo y'u Rwanda ndetse n'igihugu cyacu kizwi nk'ikiri ku isonga mu kurwanya ruswa no kwimakaza amahame y'imiyoborere myiza.

Ni muri urwo rwego, uyu munsi tariki ya 3/05/2018, kuri Komite Olempiki habereye inama nyunguranabitekerezo yahuje Ubuyobozi bwa Minisiteri ya Siporo n'Umuco, ubwa Komite Olempiki n'ubwa Federasiyo y'Umupira w'amaguru mu Rwanda (FERWAFA) igamije kurebera hamwe uko icyorezo cya ruswa n'amarozi kivugwa muri siporo by'umwihariko mu mupira w'amaguru cyacika.

Twasanze hari imyitwarire n'ibikorwa biranga abayobozi, abasifuzi ndetse n'abakinnyi bamwe na bamwe bishobora kuba byafatwa koko nka ruswa cyangwa ikoreshwa ry'amarozi.

Twagaye cyane abayobozi ba siporo batangaza ku mugaragaro ko hari ruswa yatanzwe mu mukino uyu n'uyu kandi nta bimenyetso babifitiye, bashobora kuba babitewe no kutemera ibyavuye muri uwo mukino. Mu gihe haba hari ibimenyetso bigaragaza ko hashobora kuba hari ruswa yatanzwe, byaba byiza ibyo bimenyetso bishyikirijwe inzego zibishinzwe kugira ngo bikurikiranwe.

Twasanze Itegeko No 32/2017 ryo kuwa 03/08/2017 rigena imitunganyirize ya siporo, imikino n'imyidagaduro, cyane cyane mu ngingo zayo za 24 na 26 risobanura ko bibujijwe gukoresha uburiganya n'imigenzo itemewe mbere no mu gihe cy'irushanwa, kandi ko umuntu wese uhamwe n'icyaha cyerekeranye n'uburiganya

COMITE NATIONAL OLYMPIQUE & SPORTIF DU RWANDA
RWANDA
CNOSR

n'imigenzo itemewe ahanwa hakurikijwe amategeko agenga buri siporo.

FERWAFA yasabwe gusuzuma neza niba amategeko igenderaho agaragaza neza uburiganya n'imigenzo itemewe bivugwa mu Itegeko rigena imitunganyirize ya siporo mu Rwanda, gushyiraho ibihano biremereye bihana ubwo buriganya n'iyo migenzo itemewe no gutegura gahunda yo gusobanurira abayobozi, abatoza n'abakinnyi ko iyo migenzereze idindiza siporo kandi ihesha isura mbi Igihugu cyacu.

Komite Olempiki yiyemeje gufatanya n'amashyirahamwe y'imikino mu kongerera ubushobozi abasifuzi, bihereye mu basifuzi b'umupira w'amaguru, kuko hari ibyemezo binyuranije n'amategeko agenga imikino inyuranye bafata bishobora gufatwa nk'aho bahawe ruswa.

Komite Olempiki izakomeza gutegurira abayobozi ba siporo muri rusange, amasomo ajyanye n'imicungire ya siporo (sport management) n'indangagaciro ziranga abayobora n'abakora iyo siporo (Olympic values).

Minisiteri ya Siporo n'Umuco, Komite Olempiki na FERWAFA barasaba abafatanyabikorwa n'abakunzi ba siporo by'umwihariko itangazamakuru, gufatanya mu kurwanya iyo migenzo mibi batanga ibitekerezo bigamije kuyihashya.

Bikorewe i Kigali kuwa 3 Gicurasi 2018.

**Komite Olempiki.**

COMITE NATIONAL OLYMPIQUE & SPORTIF DU RWANDA
RWANDA
CNOSR